

Ubumuga muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika



Muri Amerika, abantu bafite ubumuga bashyirwa mu mashuri, mu mirimo no mu muryango mugari.

Ubumuga ntibufatwa nk'igikorwa kibi cyangwa kunanirwa gukora iki n'iki.

Abanyamerika bensi mu bafite ubumuga babaho mu buzima bwigenga kandi bwiza.

Umuryango uharanira uburenganzira bw'abafite ubumuga muri Amerika

Abanyamerika bafite ubumuga barwaniye kubawa no kwakirwa mu bandi. Bafashije gushyiraho amategeko abemerera kwemerwa mu mashuri, mu binyabiziga bitwara abagenzi, muri gahunda za leta, mu miturire n'ibindi.



Uburenganzira bwemewe n'amategeko

Abanyamerika bafite ubumuga bafite uburenganzira bwo:

- Kujya ku ishuri;
- Gutura no gukora aho batuye;
- Gusura ahakorerwa ubucuruzi rusange;
- Gukora ubuvugizi mu byo bakeneye;
- Kugira uruhare rusesuye mu muryango mugari.



Nakora iki niba umwana wanjye afite ubumuga?

Niba ukeka ko umwana wawe ashobora kuba afite ubumuga, **ntutinde kumwohereza ku ishuri**. Muri Amerika abana bose bafite uburenganzira bwo kujya ku ishuri. Umwana wawe ashobora guhabwa ubufasha ku ishuri.



Bishobora gutera uwoba cyangwa urujiyo kubona umwana wawe afite ubumuga, ariko hariho ubufasha bwinshi aho mutuye ndetse no ku ishuri. Ku yandi makuru yerekeye ubufasha, wareba agatabo kitwa *Ni nde navugisha nkeneye ubufasha ku burezi budasanzwe bw'umwana wanjye?*



Gahunda yo kwimura no gutuza impunzi muri Arizona
1789 West Jefferson
Phoenix, Arizona 85007
Telefoni: (602) 542-6045